Maahanmuuttovirasto
Migrationsverket
Finnish Immigration Service

TURVAPAIKKA-, MAAHANMUUTTO- JA KOTOUTTAMISRAHASTO
Euroopan unionin tuella

Umwana utari kumwe n'umubyeyi mw'ibazwa ryo gusaba ubuhungiro mu Kigo cy'abinjira n'abasohoka.

Wahamagawe mw'ibazwa mu kigo mu kigo cy'abinjira n'abasohoka. Aya mabwiriza aragusobanurira uburenganzira bwawe n'inshingano za we muri iryo bazwa. Ubisome neza hamwe n'usimbura umurezi (umubyeyi) wawe. Niba hari ibyo udasobanukiwe, sobanuza usimbura umurezi wa we cyangwa umukozi w'ibiro by'abinjira n'abasohoka ibazwa rigitangira.

Ibazwa risobanura iki?

- Wasabye ubuhungiro muri Finilandi. Ibiro bishinzwe abinjira n'abasohoka (Imigarasiyo) bisuzuma impamvu shingiro z'isaba ryawe ry'ubuhungiro muri Finilandi n'impamvu udashobora gusubira mu gihugu cyawe.
- Ni ingenzi ko uvuga impamvu zose z'isaba ryawe muri iri bazwa. Nihaboneka izindi mpamvu zumvikanisha ikibazo cya we nyuma y'iri bazwa cyangwa ukifuza kugira ibindi bisobanuro utanga byo kuzuza, utari wavuze mbere, hita ubimenyesha Ikigo cya Imigarasiyo cyangwa urukiko ruriho rusuzuma ikibazo cyawe.

Ni ubuhe burenganzira n'inshingano byawe mw'ibazwa?

- Uhagarariye umurezi wawe muba muri kumwe mw'ibazwa.

7.2.2024 – kinjaruanda
Asiakasohje: Ilman huoltajaa olevan lapsen turvapaikkapuhuttelu Maahanmuuttovirastossa

- Ufite uburenganzira mw'ibazwa kwifashisha umwunganizi mu mategeko.
- Uhagarariye umurezi wawe yitwararika iyo bikenewe gushaka umwunganizi uzaza mw'ibazwa ryawe. Iyo umurezi wawe atashatse uzakwunganira mu mategeko, dushobora n'ubundi gukomeza ibazwa n'ubwo nta mwunganizi ufite.
- Mw'ibazwa twifashisha umusemuzi. Asemura byose ntaho abogamiye, nk'uko bivuzwe mw'ibazwa. Umusemuzi ashobora kuba ahibereye cyangwa mu buryo bw'iyakure kuri telefoni cyangwa videwo.

- Ukubaza, umusemuzi n'umwunganizi bafite inshingano y'ibanga, ni ukuvuga ko badashobora kugira umuntu n'umwe wundi babwira ibyavugiwe mw'ibazwa. Kandi nawe inyandiko zose zikureba zibikanwa ibanga. Ibintu uvuga mw'ibazwa ryawe bishobora kugira ingaruka mw'isuzuma ry'ubusabe bw'abandi bo mu muryango wawe. Ibintu nk'ibyo turabizirikana iyo twiga dosiye y'uwo musangiye umuryango. Ariko dushobora guhisha uwo musangiye umuryango ibyo wavuze, igihe kubyerekana bishobora kukugiraho wowe cyangwa n'undi ingaruka mbi cyangwa bikagira uwo bibangamira. Ibyo ushobora kugira icyo ubivugaho mw'ibazwa ryawe.
- Ikigo cya Imigarasiyo gishobora gushakisha umurezi mumenyeranye. Umurezi mumenyeranye bivuga umuntu, wagiye akwitaho mu gihugu cyawe. Kumushakisha hifashishwa amakuru y'ishakisha muntu abonetse. Ikigo cya Imigarasiyo gikora iryo shakisha mu buryo butakubangamira cyangwa ngo butere ingorane benewanyu.

Ni izihe nshingano ufite mw'ibazwa ryawe?

- Ufite inshinganoyo kutubwira no gutanga ibisobanuro, ni kuki wasabye ubuhungiro. Tubwire ibintu byose bireba isaba ryawe muri iri bazwa.

- Ni mu nyungu za we kuvuga n'ibintu biremereye. Ibyo bishobora kugira uruhare mu gufata icyemezo kw'isaba ryawe.

- Vugisha ukuri. Niba utibuka cyangwa ukaba utazi ikintu, ntugerageze guhimba igisubizo. Vuga ko utabizi cyangwa utabyibuka. Gutanga amakuru y'ibinyoma bituma ukuri kw'ibyo uvuga gushidikanywaho.
- Vuga mw'ibazwa ryawe izina ryawe nya ryo n'igihe wavukiye. Niba nta bya ngombwa ufite bishobora kwemeza bidasubirwaho uwo uri we, ugomba gukora uko ushoboye kose ukabishaka ukabyoherereza Ikigo cya Imigarasiyo. Ibyo bya ngombwa bishobora kuba indangamuntu cyangwa impapuro z'inzira. Ikigo cya Imigarasiyo nticyagutegeka gushaka ibyangombwa igihe bigaragara ko kubibona byaguteza ibibazo cyangwa umutekano muke kuri wowe cyangwa kuri bene wanyu. Nyuma ushobora kuzahindura imyirondoro watanze ari uko ufite pasiporo cyangwa ikikuranga cyatanzwe n'urwego rwa Leta gifitiwe icyizere.

- Imigarasiyo ibika imyirondoro yawe n'impamvushingiro z'ubusabe bwawe mu nkoranyamakuru y'amadosiye asuzumwa y'abanyamahanga, ikaba ari urwego rwa Leta rubikwamwo imyirondoro. Gutanga amakuru mahimbano yinjizwa mu nkoranya y'imyirondoro ni icyaha gihanirwa. Muri Finilandi umuntu ukurikiranywaho icyaha ni uwarengeje imyaka 15.

- Guha amakuru y'ibinyoma umukozi wa Leta ni icyaha imbere y'amategeko kandi gihanirwa. Muri Finilandi umuntu ukurikiranywaho icyaha ni uwarengeje imyaka 15.

- Zirikana ko gutanga amakuru y'ibinyoma cyangwa guhisha amakuru y'ukuri bishobora kuzatuma akari cyera wamburwa uruhushya wahawe kandi bikagutera ingorane mu yandi ma dosiye ariho asuzumwa.

Ni gute umuntu yitegura ibazwa?

- Banza usome neza amabwiriza wahawe n'ubuyobozi kandi uyereke n'usimbura umurezi wawe. Ni ingenzi ko unareba neza amakuru arebana n'amasezerano ya Dublini. Niba ayo makuru ntayo ufite, ushobora kuyareba ku rubuga rwa murandasi rw'ikigo cya: migri.fi/esitteet. Amatangazo ari mu nsi y'ahafite umutwe witwa "Turvapaikka ja Dublin-menettely" (ubuhungiro n'amasezerano ya Dublini).
- Iyo ufite impamvu isobanutse y'icyifuzo, cy'uko umusemuzi cyangwa ukubaza yaba igitsinagabo cyangwa igitsinagore ugomba kubibwira abakozi bo mu nkambi hakiri kare mbere y'ibazwa. Inkambi y'impunzi imenyesha icyifuzo cyawe muri Imigarasiyo. Imigarasiyo isuzuma niba impamvu za we zifite ireme.
- Iyo impagarike y'ubuzima bwawe ifite uko iteye kwagira ingaruka kw'ibazwa ryawe, vuga icyo kibazo hakiri kare ukibwire usimbura umurezi cyangwa umukozi wo nkambi y'impunzi.

- Inkambi y'impunzi yitwararika ko, uza kugera aho ubarizwa. Teganya urugendo rwawe hamwe n'abagushinwe hakiri kare.

- Saba inkambi y'impunzi iguhe ifunguro uza gufata cyangwa amafaranga yo kurigura ku manywa.

- Itwaze imiti ufata ku manywa.

- Itwaze impapuro zose zifitanye isano n'iri saba ryawe.

Bigenze gutya umunsi w'ibazwa muri Imigarasiyo

- Ntushobora kwigizayo umunsi w'ibazwa udafite impamvu ikomeye. Niba urwaye ku munsi w'ibazwa ryawe, hita ubimenyesha inkambi y'impunzi ya we. Usimbura umurezi wawe agomba guhita mumenyesha icyo kibazo imkambi y'impunzi yanyu. Umurezi wawe cyangwa umwunganizi bagomba gushyikiriza Imigarasiyo icyemezo cy'uburwayi gitanzwe n'umuforomo cyangwa muganga w'inkambi mu gihe kitarenze icyumweru uhereye umunsi ibazwa ryari riteganijweho. Iyo ubuze mw'ibazwa ry'ubuhungiro nta mpamvu zatanzwe zifatika, isaba ryawe rishobora gufatwaho icyemezo hatabayeho ibazwa.

- Usimbura umurezi wawe n'umwunganizi mu mategeko baza mw'ibazwa ryawe.

- Iyo winjiye mu nyubako z'Ikigo cya Imigarasiyo, ushobora gukorerwa isakwa n'abashinzwe umutekano.
- Niba ufite ikarita y'umukiriya yo mu nkambi y'impunzi, urayereka abashinzwe umutekano ku kigo cya Imigarasiyo.

- Aho abantu bategerereza hinjira gusa uwahamagawe mw'ibazwa n'undi muntu uba yabyemerewe na Imigarasiyo mbere y'igihe.
- Niba wifuza ko ujyana n'umuntu ukuba hafi, kubera impamvu z'uburwayi, usimbura umurezi wawe cyangwa umuntu ukuba hafi bagomba kubisaba mu kigo cya Imigarasiyo mu nyandiko mbere y'igihe. Uko biri kose umukozi w'Ikigo cya Imigarasiyo abifatira icyemezo ibaza rigitangira, niba uwo muntu ukuba hafi yaza mw'ibazwa. Umuntu ukuba hafi ntabwo ari avoka nta ruhare agira mu gusobanura dosiye yawe.
- Ukubaza ni umukozi wa Imigarasiyo. Ashobora kuba ahari cyangwa ari kuya kure kuri Videwo.
- Ukubaza aza kuguhamagara, hamwe n'usimbura umurezi wawe, n'ukwunganira aho abantu bategerereza.

- Mw'ibazwa dufata amajwi. Mu cyumba cy'ibazwa haba hari kamera ifata amashusho ikayabika.

- Ibazwa rishobora gutwara umunsi wose. Hagati aho turaruhuka tukajya kurya, turaruhuka iyo bikenewe n'ikindi gihe. Utumenyeshe buri gihe niba wifuza akaruhuko gato.

- Iyo bikenewe ibazwa rishobora kuzakomeza undi munsi. Icyo gihe uhabwa ubundi butumire mw'ibazwa mu minsi iri imbere.

Ni ibiki biba mw'ibazwa?

- Bitangira umuntu ukubaza avuga ibiza kuba mw'ibazwa kandi akabanza kukubaza niba wasobanukiwe neza n'uburenganzira bwawe n'inshingano zawe. Mubaze niba hari icyo utasobanukiwe. Bivuge niba utumva ibyo umusemuzi avuga.

- Iyo imyirondoro yawe itasobanutse neza mbere, nibyo aheraho akubaza. Akubaza uko umuryango umeze, aho wagiye utura hose, ni inzira wagenze uza muri Finilandi. Umukozi ukubaza agusobanua neza ibintu, bishobora gutuma kwiga dosiye yawe bisobanuka kurushaho, akareba niba isuzumirwa muri Finilandi cyangwa se niba bayihorera ntibayisuzume.

- Nyuma y'ibyo agusobanuza wowe kumubwira impamvu zatumye uhunga igihugu cyawe n'impamvu udashobora gusubirayo. Vuga ibyakubayeho byose mu kuri kandi uvuge buri kantu.
- Umukozi ukubaza akubaza ibibazo byo gusobanuza neza ibyo uvuga byakubayeho. Mubwize ukuri. Bivuge niba utazi ibyo akubajije cyangwa niba hari icyo utibuka.

- Ababazwa bose baaba ubuhungiro babazwa ibibazo rusange. Umukozi ukubaza anakubaza, hagati aho, uko wabigenza bavuze ko bashaka kugusubiza iwanyu no kukubuza kugaruka mu gihugu.

- Usimbura umurezi wawe cyangwa ukwunganira mu mategeko bashobora kugusubiria ibibao. Bashobora kuguha inama mu gihe cy'ibazwa bakanakwibutsa ibintu by'ingeni waba warababwiye mbere

- Ikigo cya Imigarasiyo gishobora mw'ibazwa kwumva ibisobanuro bishobora gutuma dosiye yawe irushaho gukemurwa neza. Urugero, niba ukekwaho icyaha cyangwa ukaba wakatiwe n'urukiko muri Finilandi, bishobora kugira ingaruka ku mikirize ya dosiye yawe muri Imigarasiyo. Mw'ibazwa, ikigo cya Imigarasiyo kiguha amahirwe yo kugira icyo uvuga wisobanura kuri ibyo.
- Umuntu ukubaza yandika kuri mashini ya mudasobwa ibivugwa byose mw'ibazwa. Ibyanditswe nibyo twita inyandikomvugo. Iyo ibazwa rirangiye, hasuzumwa niba umuntu ubaza yandikuye byose neza. Umusemuzi agusomera inyandiko mvugo. Bivuge niwumvamwo amakosa. Ushobora no kugira ibindi wongera ku nyandikomvugo. Ibi iyo birangiye hasinywa inyandikomvugo usimbura umurezi wawe agahabwa kopi y'inyandikomvugo.

Ni gute ikigo ya Imigarasiyo gifata umwanzuro?

- Hashingiwe ku busabe bwawe ushobora guhabwa ubuhungiro mu rwego mpuzamahanga rwo kukurinda cyangwa ugahabwa urundi ruhushya rwo kuba mu gihugu rushingiye ku mpamvu z'uburenganira bwa muntu cyangwa se nk'umuntu wakorewe icuruzwa.

- Ikigo cya Imigarasiyo gifata umwanzuro gishingiye ku makuru watanzwe no ku bindi bimenyetso n'ubuhamya byagaragajwe. Ikigo cya Imigarasiyo gishobora kwishakira mu rwego rwo gufata icyemezo, andi makuru y'inyongera mu makuru atangazwa hirya no hino.

- Ikigo cya Imigarasiyo gishobora gupererereza mu gihugu cyawe niba inyandiko z'ibyangobwa watanze ari umwimerere. Abayoboi bo mu gihugu cyawe ntibashobora kumenya ibi, cyangwa ngo n'ibisobanuro bishakwa bibe byagutera ingorane cyangwa byahungabanya bene wanyu.

- Niba nyuma ushaka kohereza ibindi bisobanuro ubiha uhagarariye umurezi wawe cyangwa ukwunganira mu mategeko bakabigeza ku kigo cya Imigarasiyo. Ntabwo tuganira kuri dosiye yawe kuri telefoni, kuko tudafite ubushobozi bwo gusuzuma neza utelefonnye ibyangombwa bye.
- Iyo isaba ryawe riteshejwe agaciro, ushobora gusubizwayo kandi ugashyirirwaho n'icyemezo cyo kutazagaruka muri Finilandi no mu bindi bihugu bihuriye mu masezerano bita Schengen.

- Iyo ufite ibindi bisobanuro bishya byo gusaba ubuhungiro nyuma y'aho, mu gihe icyemezo cy'ikigo cya Imigarasiyo kigifite agaciro mu mategeko, uhita utanga ubundi busabe bwangu. Icyo gihe ugomba kuba ufite impamvu yatumye ibyo utari wabivuze mw'ibazwa rya mbere. Iyo mpamvu ishobora kuba igaragara ko wowe ubwawe nta ruhare wayigizeho. Hashingiwe kuri ibyo, Ikigo cya Imigarasiyo gifata umwanzuro niba gisuzuma bundi bushya ubwo busabe bwawe.